The Baptist Tabernacle of Los Angeles

Mailing Address:
P. O. Box 15308
Los Angeles, CA 90015
Phone: (213) 744-9999
E-mail: rlhymersjr@sbcglobal.net
www.sermonsfortheworld.com
www.baptisttabernacle.com

Dr. Christopher L. Cagan
Pastor

Dr. R. L. Hymers, Jr.
Pastor Emeritus

Ukuboza, 2020

Mukundwa:

Mbega akavuyo ka Satani twabayemo muri 2020! Perezida yaregujwe! Koronavirusi iraduka! Inkongi z'imiriro zadutwikiye amashyamba! Abantu bagiye muba kominuste kandi bahinduka nk'inyamaswa, batwika imigi yacu! Nanjye ubwanjye sinkibasha guhagarara ngo mbwirize! "Bamwe (bavuye) mu byizerwa, bite ku myuka iyobya, n'inyigisho z'abadayimoni, bayobejwe n'uburyarya bw'abigisha b'abanyabinyoma, bafite inkovu z'ibyaha mu mitima yabo nk'iz'ubushye" (I Timoteyo 4:1, 2)! Na papa yemeye ishyingirwa ry'abatinganyi! Byasaga nkaho isi yose yenda guturika; Yesu yaravuze ati,

> "Kandi hazaba ibimenyetso ku zuba no ku kwezi no ku nyenyeri, kandi no hasi amahanga azababara, bumirwe bumvise inyanja n'umuraba bihōrera. Abantu bazagushwa igihumura n'ubwoba no kwibwira ibyenda kuba mu isi, kuko imbaraga zo mu ijuru zizanyeganyega. Ubwo ni bwo bazabona Umwana w'umuntu aje mu gicu, afite imbaraga n'ubwiza bwinshi. Nuko ibyo nibitangira kubaho muzararame, mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora." (Luka 21:25-28).

> "Ariko muzagambanirwa n'ababyeyi banyu, ndetse n'abavandimwe na bene wanyu n'incuti zanyu, bazicisha bamwe muri mwe" (Luka 21:16).

Nigute twasoma ibi bice ntitubone ko turi mu minsi y'imperuka yavuzwe mu buhanuzi bwa Bibilya?

"Ariko ni igihe cya Noheli," niko uvuga! Mu kuboza mu 1941 Churchill yari ino aturutse mu bwongereza kuko abayapani bari barashe Pearl Harbor na Hitler yarimo arasa London. Churchill yari munzu yera hamwe na Perezida Franklin D. Roosevelt. Ubwo perezida yatsaga urumuri rwa Noheli, Churchill yaravuze ati, "Reka abana bamare ijoro bakina kandi binezeza."

Ariko wowe nanjye ntabwo "tukiri abana" ukundi! Iki ni igihe cyo kumenya ko ibyiringiro byacu byonyine bi mu mwana wavukiye I Betelehemu kandi nta byiringiro nyakuri dufite Atari ukugaruka kwa kabiri kwa Yesu nk'Umwami w'abami Umutware w'abatware!

Kera muri za 1950, Imana yampaye icyanditswe cymfashije cyane bikomeye nk'umushumba muri ibibihe by'ubuhenebere.

> "Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga" (Abafilipi 4:13).

Muri gashyantare twijihije umwaka mushya w'ubushinwa mu materaniro y'igitondo n'ikigoroba.

Iya 1 werurwe cyari icyumweru cyacu cyanyuma mu nyubako yacu ishaje ku muhanda w'ibyiringiro. Igice gisigaye cy'umwaka wa (2020) twateraniye mu nyubako ebyiri, bitewe na Koronavirusi. Buricyumweru nifata inyigisho kuri videwo, ikumvirwa muri izo nzu ebyiri. Nyuma y'inyigisho tugasangira

Isabukuru yanjye y'imyaka 79 yahuje na pasika, 12 Mata. Twanijihishe isabukuru ya madamu wa Hymers kuri 16 Mata. Nshobora kuvuga, "Abagore benshi bagenza neza, ariko wowe ubarusha bose" (Imigani 31:29).

Kuri 27 Nzeri itorero ryijihije isabukuru y'imyaka 38 y'urushako rwacu. Umwaka ushize narwaye amara yo hepfo byatumye ntabasha guhagarara ngo mbwirize. Imirasire myinshi ya kanseri niyo yangije umutsi bintera iyindwara imeze nkiya Crohn.

USHOBORA GUSOMA IBIBWIRIZWABYACU AMAJANA IJAMBO KU RINDI MUNDIMI 45 KURI WWW.SERMONSFORTHEWORLD.COM.

Nanone, kandi muri uyu mwaka, Imana yahaye umugisha umurimo wacu! Twongeyeho indimi eshatu z'ijambo ku ijambo z'inyigisho za Bibiliya n'ibibwirizwa ku rubuga kuri www.sermonsfortheworld.com. Twongeyeho Khongso Chin, ururimi gakondo rwa Myanmar (Burma) ruba urwa 43. Twanongeyeho Malayalam, urundi rurimi ruvugwa mu buhinde, ruba urwa 44. Tunongeraho urwitwa Sinhala, ururimi ruvugwa muri Sri Lanka, ruba urwa 45.

Nakira Email nziza buri cyumweru z'abababwirizabutumwa bo ku isi yose batubwira uburyo izo nyigisho n'ibibwirizwa zagiye zibafasha.

Kuri 7 Nyakanga bafunguye inyubako yacu ishaje ku muhanda w'ibyiringiro, amashimwe menshi ku murimo umwana wacu Robert yakoze.

Kuri 13 Ukwakira itorero ryose ryijihije ubuzima bwa Eugene Grace mu materaniro ye yabereye mu irimbi ry'igihugu rya Riverside. Dr. Cagan yayoboye Nyakubahwa Grace yiringira Yesu amasaha make mbere yuko yitaba Imana ku myaka ye 91. Nyakubahwa Grace yari umugabo wa nyina wa Tom Xia, umusore wo mu itorero ryacu. Ibyumweru bike byakurikiyeho, Dr. Cagan yabwiye inkurunziza y'ubutumwa bwiza umugore wa Nyakwigendera Grace, witwa Sophie, kandi ubu afite ubugingo buhoraho. Ashobora kuba ariwe muntu wambere tuzabatiza tugeze ku nyubako nshya muri San Gabriel. Madamu Hymers yantwaye kuri Riverside mu muhango wo gushyingura Nyakubahwa Grace. Arankomezanya Oxnard, aho twamaze iminsi turuhukiye ku musenyi.

Kuri 22 ku Cyumweru tuzagira amateraniro yo gushima azabera kwa muri Alhambra.

Ndacyakora, nkandika amasomo n'inyigisho, kandi nkanafasha Dr. Cagan. Mu byumweru bike nzinjira mu myaka 81 y'ubuzima bwanjye samba narakomeje gukora iyo bitaba kubw'umugore wanjye, Ileana – na Yesu abo nkuraho inkomezi zimfasha gukomeza.

"Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga" (Abafilipi4:13).

Iri ni isezerano rya Yesu! Ndasoza iyi baruwa mvuga ubuhamya bwa mugenzi wanjye, Dr. Christopher L. Cagan:

> Imyaka yashize nta mahoro nari mfite. Nabagaho ubuzima bwanjye bwite. Sinatekerezaga ku Mana cg uko bizagenda maze. narirwaniriraga. Nahoraga mpunga kandi nihisha Imana. Nabonaga za A mu ishuri kandi nkakorera amafaranga menshi, ariko nari mu bwigunjye kandi ntishimye.
>
> Nuko nza guhura n'abakristo bambereye beza. Ntangira kujya njya gusenga. Ariko nabwo nari ngikunze kubaho ku bwanjye. Ijoro rimwe nagiye mu materaniro ku ishuri. Umusore aza kumbwira inkuru nziza ntigeze numva mbere ko Imana yankunze kandi ko yashakaga kumpa ubugingo buhoraho. Yambwiye uko nakwakira ubwo bugingo. Iryo joro niringiye Yesu. Ymababariye ibyaha byanjye ampa ubugingo buhoraho.
>
> Ubu mfite amahoro. Ubu mfite ubugingo buhoraho. Yesu yankijije imbere. Yampaye ibyiringiro n'umunezero. Sinkigunze ukundi. Nziko mpfuye iri joro, najya kubana n'Imana mu ijuru, kuko Yesu yamaze kumpa ubugingo buhoraho!

Nejejwe no gukorera Yesu! Sinari kubishobora iyo ataba imbaraga zayo n'ubuntu, na Dr. Cagan, Ileana, n'umwana wacu John Wesley, uzaba ari kwiga ibyo kubaga imitsi nandi masomo yerekeranye nabyo muri koleji.

Yesu aguhane umugisha n'umuryango wawe! Usengere Kent Philpott na njye, dukosora igitabo cya Kent ku kubohoka muri Yesu! Mudusengere dutangiza itorero rishya ryababababatista ryabashinwa muri San Gabriel.

Dr. Hymers n'umugore we Ileana, n'umwana wabo Robert, umugore we Jin, n'abana babo b'abakobwa, Hannah na Sarah. Ndasenga ngo bazabone undi mwana

Kristo ashimwe iteka!

Rev. R. L. Hymers, Jr.,
D.Min., D.Rel., Th.D., Litt.D.
Abafilipo 4:13

"Umuntu ujarajara akava mu nzira y'ubwenjye, azaba mu iteraniro ry'abapfuye" (Imigani21:16).

USHOBORA GUSOMA IBIBWIRIZWABYACU AMAJANA IJAMBO KU RINDI MUNDIMI 45 KURI WWW.SERMONSFORTHEWORLD.COM.